GUTEGA AMATWI



Umugabo w' umunyabwenge arumva kandi akarushaho kwiga.

IHAME RY' ICYUMWERU

Kumva bivuga kugira umwete wo kumva cyangwa gutega amatwi , gutanga ubuhungiro cyangwa gufata inama. Hari umugani ugira uti umugabo w'umunyabwenege arumva. Ibi ni ukuvuga ngo niba duciye akenge, tuziga gutega amatwi. Impamvu abantu bazi ubwenge bumva ni uko bazi ko barushaho kwiga iyo bateze amatwi.Ubwenge ntabwo ari impano y'umurage; ahubwo iboneka ari uko wayitabiriye utega amatwi no kwiga ukoresheje amaso maze ukabisobanukirwa. Ni ubutumwa buherekezwa n' amagambo, ndetse no gushakisha by' akarusho ku bikubiye mubyo twumva cyangwa tureba. Hari ugusobanukirwa kudahagije ku bintu abantu benshi bahura nabyo, ariko hari ugosobanukirwa kwagutse ku bantu bumva bakanarebana ubushishozi. Iri ni isomo rirebana nibyo tuvuga hamwe nibyo tuvuga uko bingana.

Abategа amatwi neza baba bashakisha ukuri. Barangwa no gutekereza kandi bakunda gufata akanya maze bagasubiramo ibyo bigaho. Babaza ibibazo byinshi kugira ngo basobanuze kandi basobanuke. Rimwe na rimwe twibwira ko abantu baturi hafi bumva ibyo tuvuga, hanyuma bakaza kubona ko ibyo twavugaga ntamahuriro, bibwira ko ari bo nyamara tutigeze dutekereza ikintu nk'icyo mu mutwe.

Gutega amatwi ntabwo bihagije, tugomba kumva. Gutega amatwi bitandukanye no kumva kugeza ubwo tuzumva icyo mugenzi wacu yari agamije kutubwira hamwe n' amagambo bavuga. Turapima ndetse tugayungurura amagambo y' abandi ku myumvire yacu nuko amarangamutima yacu abyakira tukimara kubyumva. Twumva amagambo, maze tukarema ishusho yacu y' imyumvire dushingiye kubyo twumvishe, maze tukabisuzumana ibyiyumviro byo mubihe twanyuzemo. Bivuze ngo buri kintu cyose twumvise gica ku kiraro cyubakiye ku mubabaro hamwe no gutengurwa, cg se intsinzi ndetse n' ibyakozwe, bityo tugahera aho tubisuzuma; icyo nicyo twita gushishoza. Iyo umuntu aganira ku kintu runaka ubwenge bwacu buhita bukora ishusho, maze bugakinga ikibaba aho gutega ugutwi ngo kwumve. Mu gihe uwo umuntu akivuga twe tuba twibaza icyo turi bumusubize. Akenshi ntabwo twumva nibyo bavuze kuko tuba twibanze gusa no kuvuga uko dutekereza cg inkuru yacu. Ubu buryo bwo kuganira rero ntabwo bufasha gusobanukirwa cyangwa ngo bitwungure ubwenge.

Niba dushaka kuzatera imbere mu kubaka umurimo hamwe n' ubucuti bwihariye, tugomba rero gufata iya mbere tugatega amatwi kugeza ubwo tumenye icyo abantu bavuga nicyo bakeneye. Ibi kandi bizadufasha kumenya uburyo bwiza twafasha abantu ndetse no kwihangana tukumva mbere yuko dusubiza, kwita ku magambo ari mu magambo yabo no kureba ibimenyetso by' umubiri. Iyi niyo ntambwe ya mbere yo gufasha abandi, nitubumva tuzamenya ibyo bakeneye.

INYUNGU

1. Twunguka ubwenge.
2. Twirinda guhuzagurika hamwe no kubabaza abandi.
3. Dufatwa nk' abantu bazi kumva abandi neza bityo natwe bizabaha icyizere cyuko batwumva.
4. Dushobora gukurikira ubutumwa tutigoye cg ngo tugereranye, kandi tugashobora gusubiza igisubizo gifite akamaro.
5. Tumenya neza ibyo abandi bajya bakeneye.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Itoze kumvana ubushishozi; kandi wihate gusesengura ibyavuzwe. Umva ibitekerezo, ibyiyumviro hamwe n' amagambo yavuzwe.

Inzira ni mikorere yo
GUTEGA AMATWI

2. Baza ibibazo kugira ngo usobanukirwe neza. Ibi kandi bitanga ubusobanuro burambuye bityo ukirinda guhubuka no gufata imyanzuro idashinga. Fata igihe gihagije mbere yuko usubiza.

3. Fata igihe gihagije cyo gutega amatwi; ni inshingano ntabwo ari amahitamo kuko gutega amatwi ni uburyo bwiza bwo twigiramo. Ntidushobora kwiga tudateze amatwi. Nk' abantu rero bafite kamere nzima tugomba gushaka akanya ko gutega amatwi tukumva hamwe no kurebana ubushishozi.

4. Ujye witabira ibiganiro; uru ni urubuga rwiza wakwitorezaho gutega amatwi abandi. Kuko dutanga Kandi tukanakira. Rimwe na rimwe tugomba kwirekura maze tugatega amatwi cyane haramutse hari umwanya munini, dore ko binoza imyumvire yacu.

5. Shakisha ukuri. Wifuza kumenya ukuri , shakisha umuntu ugaragaza impamvu. Ibi bizakemura ibibazo byinshi.

6. Baza ibibazo. Uburyo bwiza bwo kumenya ko twumvishe umuntu ni ugusubiramo ibyo bavuze maze tukabaza niba ari cyo bashatse kuvuga. Baza ubusobanuro, dore ko ari igihe kiba cyakoreshejwe kandi kikaturinda kubabazwa no guhuzagurika.

Twunguka ubwenge iyo duteze amatwi, maze tugakomeza kumva kuko tubona agaciro kabyo. Ibere rero umunyeshuli wa buri gihe, kandi ntuzumve ko ibyo wize biguhagije, kuko ushobora kwiga ikintu gishya, haba mu gitabo, umuntu cyangwa se ahantu runaka. Igihe cyose ujye wiyungura mu myigire no mu myumvire , kuko ubuzima bwacu n' ahazaza hacu bubishingiyeho.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ni abantu bameze bate waba uhura ni kibazo , mu gihe ushaka kubumva?
2. Ese byaba byarakugiriyeho ingaruka ki, mu gihe umuntu yaguteze amatwi?
3. Ese abantu baba badasobanukirwa akenshi nibyo wavuze?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			